RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD

# ITANGAZO

## KUBAHIRIZA AMABWIRIZA AGENGA AHAKORERWA UBUCURUZI BUJYANYE N'IMYIDAGADURO NO KWAKIRA ABANTU

Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB), Umujyi wa Kigali, Polisi y'Igihugu n'abafatanyabikorwa mu rwego rwo rw'ubukerarugendo no kwakira abantu bahuriye mu nama basuzuma ibibazo birebana n'umutekano, uko amategeko n'amabwiriza byubahirizwa ndetse n'imibereho myiza y'abaturage.

Nyuma yo kubiganiraho, hanashingiwe:

1. Ku Itegeko No 12 ter/2014 ryo ku wa 19/05/2014 rigena imitunganyirize y'Ubukerarugendo mu Rwanda
2. Ku byemezo by'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 1 Kanama 2023 yigaga ku mabwiriza ahamye yerekeye imyidagaduro iba ninjoro no kurwanya urusaku

Abantu bose hakorerwa ubucuruzi bujyanye n'imyidagaduro no kwakira abantu baributswa kandi basabwa kubahiriza bidatinze amabwiriza akurikira:

### I. AMASAHA YO GUKINGURA

- Utubari, Restora, utubyiniro n'ahacururizwa inzoga bagomba guhagarika itangwa ry'inzoga, kugenzura ko abakiriya basohotse no gukinga amarembo yose ku masaha avugwa aha. Uretse abakozi babyemerewe, nta muntu wemerewe kuba agihari nyuma y'amasaha yo gufunga
  - **Saa saba z'ijoro guhera kuwa mbere kugeza kuwa gatanu**
  - **Saa munani z'ijoro kuwa gatandatu no ku cyumweru**
- Amasaha yo gufungura atangira **saa kumi n'imwe za mu gitondo.**
- Imirimo ikorerwa muri hoteli ishobora gukomeza amasaha yose ariko ku bakiriya bahacumbitse gusa.
- Ukeneye gukora nyuma y'amasaha yemewe (urugero: Ibitaramo cyangwa ibindi birori) agomba kubisaba mbere kuri RDB akoresheje email **regulation.division@rdb.rw** bigasuzumwa.

### II. UMUBARE W'ABASHOBORA KWAKIRWA

- Aharebwa n'aya mabwiriza hose hagomba kwita cyane ku mubare ntarengwa w'abantu hemerewe kwakira kugirango umutekano w'abahagana n'uw'abakozi wubahirizwe.

### III. URUSAKU

- Hagomba kubaho igenzurwa ry'amajwi asohoka kugirango atarenga ibipimo byemewe bigenwa n'amabwiriza ariho mu gihugu.

### IV. KUNYWA INZOGA

- Birabujijwe guha inzoga abantu batagejeje ku myaka 18.
- Abacuruzi ni bo basabwa kugenzura imyaka y'ababagana, nko kubasaba kwerekana indangamuntu cyangwa ikindi cyangombwa cyemewe.
- Umuntu bigaragara ko yasinze ntagomba guhabwa inzoga.

Kutubahiriza amabwiriza yavuzwe haruguru bizatuma hafatwa ibihano birimo gucibwa amande, gufunga by'agateganyo ibikorwa by'ubucuruzi, guhagarika uruhushya rwo gukora, gufunga burundu, n'ibindi bihano hakurikijwe n'amategeko n'amabwiriza abigenga.

Intego y'iri tangazo ni ukwibutsa inshingano duhuriyeho zo kurinda umutekano rusange, guteza imbere imyitwarire iboneye mu bukerarugendo, no kwita ku mutekano n'imibereho myiza by'Abanyarwanda bose n'abatugana.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 28 Kamena 2025**
**Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB)**